REB | RWANDA BASIC EDUCATION BOARD

Kigali, ku wa ...12...../...09/2022
N° .6270../REB/TDM&CGC /022

Madamu/Bwana Umuyobozi w'Akarere (Bose)
Madamu/Bwana Umuyobozi Nshingwabikorwa (Bose)

**Impamvu: Gutoranya abarimu b'indashyikirwa 2022**

Madamu/Bwana Muyobozi,

Ku itariki ya 5 Ukwakira 2022 hazizihizwa Umunsi Mpuzamahanga wa Mwarimu. Mu Rwanda, uwo munsi uzizihizwa ku nshuro ya 21. Kuri uwo munsi hazahembwa abarimu babaye indashyikirwa mu guteza imbere uburezi kuva ku rwego rw'Ikigo kugera ku rwego rw'Igihugu.

Ni muri urwo rwego mbadikiye mbasaba gutoranya abarimu b'indashyikirwa ku buryo bukurikira:

(1) Gutoranya umwarimu umwe (1) mu kigo cy'ishuri ribanza n'umwarimu umwe (1) mu kigo cy'ishuri ryisumbuye. Mu kigo gifite amashuri abanza n'ayisumbuye hazatoranywa abarimu babiri (2) (umwarimu umwe wigisha mu mashuri abanza n'undi wigisha mu mashuri yisumbuye).

(2) Abo barimu batoranijwe bose ku rwego rw'ibigo bazahurizwa ku rwego rw'Umurenge hatoranywemo abarimu babiri (umwarimu umwe wigisha mu mashuri abanza n'undi mwarimu umwe wigisha mu mashuri yisumbuye)

(3) Abo barimu batoranijwe bose ku rwego rw'Umurenge bazahurizwa ku rwego rw'Akarere hatoranywemo abarimu babiri (umwarimu umwe wigisha mu mashuri abanza n'undi mwarimu umwe wigisha mu mashuri yisumbuye)

(4) Abo barimu batoranijwe bose ku rwego rw'Akarere bazahurizwa ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali hatoranywemo abarimu babiri (umwarimu umwe wigisha mu mashuri abanza n'undi mwarimu umwe wigisha mu mashuri yisumbuye)

(5) Abo barimu batoranijwe bose ku rwego rw'Intara bazahurizwa ku rwego rw'Igihugu hatoranywemo abarimu babiri (umwarimu umwe wigisha mu mashuri abanza n'undi mwarimu umwe wigisha mu mashuri yisumbuye) nabo bahite basimburwa n'abarimu babakurikiye bo mu Ntara n'Umujyi wa Kigali.

**Ikitonderwa :**

a. **Umwarimu wese uzatoranywa kuri buri rwego maze akagira amahirwe yo kongera gutorwa ku rwego ruri hejuru, agomba guhita asimburwa n'umukurikiye wo ku rwego yari yatoreweho mbere kandi hakubahirizwa n'ikiciro yari yatowemo.**

b. **Iki gikorwa cyo gutoranya abarimu b'indashyikirwa kandi kizakorwa no ku barimu bigisha mu mashuri yigenga kikazakorwa guhera ku rwego rw'Akarere kugera ku rwego**

Rwanda Basic Education Board
P.O. BOX 3817, Kigali, Rwanda
Toll Free 3020
info@reb.rw
www.reb.rw

**rw'Igihugu hakurikijwe ingingo zizibandwaho mu gutoranya no gutanga amanota ku barimu bigisha mu mashuri ya Leta n'afatanya na Leta ku bw'amasezerano muri busange ku mugereka w'iyi baruwa.**

c. **Urutonde n'imyirondoro y'abarimu bazatoranywa kuri buri rwego rugomba kugezwa kuri REB binyuze kuri email ya info@reb.rw n'iya aingabire@reb.rw bitarenze ku itariki ya 20 Nzeri 2022.**

Mboneyeho umwanya wo kubamenyesha ko insanganyamatsiko y'uyu mwaka ndetse na gahunda y'ibikorwa kuri uwo munsi muzabigezwaho mu minsi iri mbere. Nkaba mbasaba gushyira imbaraga muri icyo gikorwa kugira ngo ingingo zizibandwaho mu gutoranya no gutanga amanota kuri abo barimu ndetse n'ingengabihe biri ku mugereka bizubahirizwe.

Mugire amahoro.

**Dr. MBARUSHIMANA Nelson**
Umuyobozi Mukuru

**Bimenyeshejwe:**

- Nyakubahwa Minisitiri w'Uburezi
- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
- Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Amashuri Abanza n'Ayisumbuye
- Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Ikoranabuhanga n'Ubumenyingiro
- Bwana Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali
- Madamu/Bwana Guverineri w'Intara (Bose)
- Bwana Umunyamabanga Uhoraho /MINEDUC

REB | RWANDA BASIC EDUCATION BOARD

## I. INGINGO ZIZIBANDWAHO MU GUTORANYA ABARIMU BAZAHABWA IBIHEMBO BO MU MASHURI AHEMBWA NA LETA

1. Kuba umwarimu nta kindi gihembo arahabwa na REB/MINEDUC
2. Kuba afite uburambe mu kazi nibura bw'imyaka ibiri (2)
3. Kuba yigisha mu kigo cya Leta cyangwa gifatanya na Leta ku bw'amasezerano
4. Kuba azwiho guhanga udushya mu kazi
5. Kuba yifashisha ikoranabuhanga mu myigire n'imyigishirize ( Use of ICT in teaching and learning )
6. Kuba hari ibikorwa by'umwihariko yagaragaje mu rwego rwo guteza imbere Uburezi
7. Kuba agira uruhare mu kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana
8. Kuba ari inyangamugayo n'intangarugero mu byo akora
9. Kuba agaragaza isuku aho atuye n'aho akorera

## II. INGINGO ZIZAGENDERWAHO MU GUTANGA AMANOTA KU BARIMU BAZAHABWA IBIHEMBO

| Ibyiciro by'ibikorwa | Ibikorwa bishingirwaho mu gutanga amanota mu gihe cy'amarushanwa | Amanota/100<br>Mu mashuri abanza n'Ayisumbuye |
|---|---|---|
| A. Ibikorwa umwarimu agaragaza mu myigishirize/ ***50pts*** | 1.Umwarimu ategura kandi akanasangiza neza amasomo abanyeshuri atari kumwe nabo yifashishije ikoranabuhanga ndetse akurikje integanyanyigisho ishingiye k'ubushobozi . | /25 pts |
| | 2. Umwarimu yashoboye guhanga udushya yifashishije ikoranabuhanga mu gufasha abanyeshuri kongera ubumenyi mu myigire n'imyigishirize. | /25pts |
| Imibanire ye n'abandi ***/25 pts*** | 1. Umwarimu yagaragaje ibikorwa bifatika by'intangarugero mu mibanire ye na bagenzi be. | /10pts |

| | | |
|---|---|---|
| | 2.Yagaragaje ibikorwa byo kurwanya ihohoterwa iryo ariryo ryose aho atuye n'aho akorera. | /15pts |
| Mu rwego rw' iterambere */25 pts* | 2. Hari ibikorwa by'indashyikirwa agaragaza mu kwiteza imbere. | /15pts |
| | 3. Kuba yaragize uruhare mu gushyiraho koperative cyangwa ikimina ku kigo akoreraho. | /10pts |
| | **IGITERANYO CY'AMANOTA YOSE** | **/100** |

## IV. INGENGABIHE Y'IGIKORWA CYO GUTORANYA INDASHYIKIRWA

| Urwego | Igikorwa | Ushinzwe igikorwa | Amatariki |
|---|---|---|---|
| Urwego rw'kigo k'Ishuri | Gutegura amasomo hakoreshejwe E-learning Platform | Abarimu bigisha kuri icyo kigo | Bitarenze 13/09/2022 |
| | Gutoranya umwarimu umwe w'indashyikirwa<br><br>Gukora raporo irambuye isinywe n'abagize uruhare muri icyo igikorwa, isobanura impamvu uwo mwarimu yagizwe indashyikirwa. | Abarimu bigisha kuri icyo kigo bayobowe n'umuyobozi w'Ikigo | 13/09/2022 |
| | - Kohereza raporo ku rwego rw'Umurenge | Umuyobozi w'Ikigo k'ishuri | 14/09/2022 |
| Urwego rw'Umurenge | Kwakira raporo z'abarimu b'indashyikirwa baturutse ku bigo by'amashuri | Ushinzwe Uburezi mu Murenge | Bitarenze tariki ya 14/09/2022 |
| | - Gutoranya abarimu 2 b'indashyikirwa (umwe mu mashuri abanza n'undi mu mashuri yisumbuye)<br>- Gukora raporo irambuye isinywe n'abagize uruhare muri icyo igikorwa, isobanura impamvu abo barimu batoranyijwe. | Komite ishyirwaho n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge | 16/09/2022 |
| | - Kohereza raporo ku rwego rw'Akarere | Umunyamabanga nshingwabikorwa w'Umurenge | 16/09/2022 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| Urwego rw'Akarere | Kwakira raporo z'abarimu b'indashyikirwa baturutse mu Mirenge | Umuyobozi w'Uburezi mu Karere | Bitarenze tariki ya 16/09/2022 |
| | - Gutoranya abarimu 2 b'indashyikirwa (umwe mu mashuri abanza n'undi mu mashuri yisumbuye)<br>- Gukora raporo irambuye isinywe n'abagize uruhare muri icyo igikorwa, isobanura impamvu abo barimu batoranyijwe | Komite ishyirwaho n'Umuyobozi w'Akarere | 19/09/2022 |
| | - Kohereza raporo ku rwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali | Umuyobozi w'Akarere | 19/09/2022 |
| Urwego rw'Intara n'Umujyi wa Kigali | Kwakira raporo z'abarimu b'indashyikirwa baturutse mu Turere | Umuyobozi Ushinzwe imiyoborere myiza n'imibereho myiza y'abaturage ku rwego rw'Intara<br><br>Ku rwego rw'Umujyi wa Kigali ni Umuyobozi Wungirije w'Umujyi Ushinzwe Ubukungu n'Imibereho myiza | 20-21/09/2022 |
| | - Gutoranya abarimu 2 b'indashyikirwa (umwe mu mashuri abanza n'undi mu mashuri yisumbuye)<br><br>- Gukora raporo irambuye isinywe n'abagize uruhare muri icyo igikorwa, isobanura impamvu abo barimu batoranyijwe | Komite ishyirwaho n'Umuyobozi w'Intara n'aho ku rwego rw'Umujyi wa Kigali, Komite igashyirwaho n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali | 22-23/09/2022 |
| | - Kohereza raporo ku rwego rw'Igihugu | Ku rwego rw'Intara ni Umuyobozi w'Intara n'aho ku rwego rw'Umjyi wa Kigali ni Umuyobozi w'Umujyi | Bitarenze tariki ya 23/09/2022 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| Urwego rw'Igihugu | Kwakira raporo z'abarimu b'indashyikirwa baturutse mu Ntara no mu Mujyi wa Kigali | REB/TDM&CGC | 23/09/2022 |
| | - Gutoranya abarimu 2 b'indashyikirwa (umwe mu mashuri abanza n'undi mu mashuri yisumbuye)<br><br>- Gukora raporo irambuye isinywe n'abagize uruhare muri icyo igikorwa, isobanura impamvu abo barimu batoranyijwe | Komite ishyirwaho n'umuyobozi Mukuru wa REB | 26-27/09/2022 |
| | Gukora urutonde rw'indashyikirwa kuva ku rwego rw'Umurenge kugeza ku rwego rw'Igihugu | REB/TDM&CGC | 26-27/09/2022 |